RWANDA POLYTECHNIC

P O Box 164, Kigali
Address: KK 15 Road, Kigali
Website: www.rp.ac.rw
Email: info@rp.ac.rw

# ITANGAZO RIREBA ABANYESHURI BAZIGA MURI ZA IPRC

Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ry'Imyuga n' Ubumenyingiro (Rwanda Polytechnique), riramenyesha abanyeshuri bashya ndetse n'abasanzwe biga mu ma koleji yaryo ariyo : IPRC Kigali, IPRC Ngoma, IPRC Karongi, IPRC Huye, IPRC Tumba, IPRC Musanze, IPRC Gishari na IPRC Kitabi mu mwaka w'amashuri 2019/2020, ko igikorwa cyo kwiyandikisha hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga kizatangira tariki ya **23/9/2019** kugeza tariki ya **04/10/2019**. Buri munyeshuri arasabwa gusura urubuga rwa RP : www.rp.ac.rw agasoma amabwiriza kugirango yiyandikishe:

- Abanyeshuri bashya bose (Private & Goverment sponsored ) bishyura ama frw 62,000 (
- Abanyeshuri basanzwe : 37,000
- Abanyeshuri birihira bishyura Frw 600,000 kuri konti bazasanga kuri za IPRCs (Ashobora kwishyurwa mu byiciro bitandukanye)
- Ibikoresho bikenerwa muri "Practical sessions" ( Ibisarubeti, bote etc ) bazabyishyurira kuri za IPRC bazigamo.
- **Kwishyura Bikorwa Gutya:** Umunyeshuri agomba kubanza kudekarara muri sisiteme (generating of invoice) hanyuma akabona kujya kuri banki ya **Cogebank** kwishyura agatanga inomero yumunyeshuri yahawe (**19RP.....**). Cyangwa akishyura akoresheje telefoni (**MoMo**) agakanda ***720# hanyuma > 4. Rwanda Polytechnic**, agakurikiza amabwiriza. Ibi nabyo bikorwa aruko umaze kudekarara muri sisiteme (**MIS**) Rwanda polytehnic ukabona invoice number.
- Kwishyura ukoresheje uburyo bwo kohereza amafaranga (**Transfer**) ntabwo byemewe kuko uba utaradekarara.

Ubuyobozi bukuru bw'ishuri buboneyeho kumenyesha abanyeshuri bifuza kwiga biyishyurira (Private Candidates ) mu ma koleji yaryo yavuzwe hejuru mu mwaka w'amashuri 2019/2020, ko gusaba ishuri hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga ku rubuga: **www.rp.ac.rw** bigikomeje kugeza tariki ya 04/10/2019.

**ICYITONDERWA**:

-Abanyeshuri bose baramenyeshwa ko bagomba kuba bageze kuri za IPRCs ku itariki ya 30/09/2019 kugirango batangire "Induction Week"

- Nta munyeshuri wemerewe inguzanyo uzinjira mu ishuri atariyandikishije cyangwa ngo asinye amasezerano y'inguzanyo ya BRD.

Ku bindi bisobanuro mwasura imbuga z'amakoleji cyangwa mugahamagara kuri numero zikurikira : IPRC KIGALI (0 788 698 760), IPRC MUSANZE (0 783 170 961), IPRC TUMBA (0 788 368 073), IPRC KARONGI (0 788 794 931), IPRC KITABI (0 783 252 970), IPRC HUYE (0 789 060 370), IPRC NGOMA (0 788 410 106), IPRC GISHARI (0 784 040 463), naho kuri RP Head-office (0783794985, 0732372230).

Bikorewe i Kigali ku wa 18 Nzeri 2019

Dr. James GASHUMBA

**Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Polytechnic (RP)**

RWANDA POLYTECHNIC - RP